IBIRORI BYO GUTAHA PARUWASI NSHYA YA GAKERI

Aha niho haturiwe Igitambo cy'Ukaristiya

Kuri uyu wa gatatu tariki 31/08/2016, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yafunguye paruwasi Nshya ya Gakeri. Iyo paruwasi yabyawe na paruwasi Crête Congo-Nil ihereye mu murenge wa Rusebeya Akarere ka Rutsiro. Ibyo birori byitabiriwe n'Abantu benshi barimo Abasaseridoti, Abihayimana, Depite Marie Rose MURESHYANKWANO, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'iburengerazuba, Umuyobozi w'Akarere ka Rutsiro n'abandi bayobozi b'Inzego Bwite za Leta; n'imbaga y'abakristu bikaba byabimburiwe n'Igitambo cya Misa.

Mu nyigisho yatanze, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yavuze ko iyo abantu bakoranye batura Igirambo cy'Ukaristiya ari umwanya wo gushimira Imana. Ni umwanya wo kwiga kurangwa n'Impuhwe n'urukundo. Nk'uko Yohani intumwa abivuga mu gitabo cy'Ibyahishuriwe Yohani Intumwa, avuga ko yabonye Umurwa Yeruzalemu Nshya umanuka uva mu Ijuru. Na Paruwasi Gakeri imeze nk'iyo Yeruzalemu nshya. Yabonye ingoro y'Imana mu bantu, iyi ngoro y'Imana ni imitima y'abantu; ibyo bijye bituma tuzirikana ko Imana itureba tukaba turi kumwe bityo amaganya n'imibabaro duhura na yo Nyagasani adufasha kumenya uko twabyitwaramo. Mu nyigisho Pawulo Mutagatifu yabwiraga abanyakolosi yahoraga abasaba kurangwa

n'umutima utuje, uca bugufi kandi ugira impuhwe, uwo mutima wihanganirana ufasha abantu kubana neza, uwo mutima wafasha abantu kugira isi nziza ibyo byose bigafasha Bose kurangwa n'urukundo. Ibyo nibyo bigomba gituma tuba abana b'Imana bityo ijambo ry'Imana rikaduturamo. Uko Yohani Intumwa yabitubwiye ni nako Pawulo abitwigisha nk'uko Yezu yabyigishije turasabwa kurangwa n'Impuhwe. Umwepiskopi yasabye abakristu ba Gakeri kurangwa n'impuhwe bityo icyibo gishimishije, gicugushije nicyo bazagererwamo bityo bitegure kuzataha Yeruzalemu nshya.

Mbere yo Gushimira Imana mu gihe cy'Igitambo cy'Ukaristiya, ku isaha ya saa sita na mirongo ine n'itanu nibwo Umwepiskopi yasomye itangazo ryo gufungura paruwasi nshya ya Gakeri. Nyuma y'iryo tangazo Padiri mukuru wa mbere w'iyo paruwasi Padiri Christophe MUDAHERANWA yarahiriye imbere y'Umwepiskopi n'imbere y'imbaga y'abaktustu kuzayobora iyi paruwasi yunze ubumwe n'Umwepiskopi, abasaseridoti n'imbaga y'abakristu agendeye Ku Ijambo ry'Imana, inyigisho n'amahame ya Kiliziya Gatolika. Nyuma y'iyo ndahiro Umwepiskopi yamushyikirije ibirango azifashisha ayobora iyi paruwasi birimo imfunguzo za Kiliziya, Cashe ya paruwasi, igitabo cyo kwandikamo abakristu bahawe Isakramentu rya Batisimu n'igitabo kizajya cyandikwamo abahawe Isakaramentu ry'Ugukomezwa.

Umwepiskopi asoma itangazo ryo gufungura Paruwasi nshya

Monseigneur Anaclet MWUMVANEZA
Evêque de Nyundo

Tél: (+250) 788307736
B.P 85 GISENYI - RWANDA
E-mail: nyundoeveche@yahoo.fr
mwumvaneza@libero.it
Web Site: www.nyundodiocese.info

ITANGAZO RY'UMWEPISKOPI

Twebwe, Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo,

Mu nshingano zacu zo gukenura, gutagatifuza no kwigisha imbaga y'Imana iri muri Diyosezi ya Nyundo, tumaze kwakira icyifuzo cya Paruwasi Crête Congo-Nil yaragijwe Bikira Mariya Umubyeyi w'abakene cyo gushinga Paruwasi Gakeri. Bimaze kugezwa ku bajyanama ba Diyosezi n'abakristu, nyuma y'imyiteguro yakozwe kandi nshingiye k'ububasha nahawe (can 515-518) no ku nshingano mfite zo kwita ku bakristu nshinzwe:

1. Nafashe icyemezo cyo gutangiza Paruwasi nshya ya GAKERI ifite icyicaro mu Murenge wa RUSEBEYA mu karere ka RUTSIRO mu ntara y'UBURENGERAZUBA. Igizwe na santarali Gakeri ifite inama enye, santarali Mberi ifite inama enye, santarali Murengeri ifite inama eshatu na santarali Bwiza ifite inama eshatu.

2. Santarali ya Gakeri niyo ifite intebe ya Paruwasi. Niho kandi hagenewe gukorerwa imirimo y'ubuyobozi bwa Paruwasi Gakeri no kuba icumbi ry'abapadiri bayishinzwe.

3. Izina rya Paruwasi ari naryo rya Kiliziya ni: **"PARUWASI YEZU NYIRIMPUHWE GAKERI."**Kubera ko Paruwasi ishinzwe mu gihe twizihiza umwaka wa Yubile idasanzwe y'IMPUHWE Z'IMANA. Ikaba ibaye iya makumyabiri na gatanu muri Paruwasi zigize Diyosezi yacu ya Nyundo

4. Umunsi wa Paruwasi Yezu Nyirimpuhwe Gakeri, uzizihizwa buri mwaka ku munsi Kiliziya yizihizaho icyumweru cy'Impuhwe z'Imana: Icyumweru cya kabiri cya Pasika.Bakristu bavandimwe, izina rya Paruwasi yanyu rizahore ribibutsa ko mugomba kuba abanyampuhwe nk'uko So ari Umunyampuhwe *Lk6,36).*

Bikorewe ku Nyundo, kuwa 31 Kanama 2016

ANACLETUS MWUMVANEZA EPISCOPUS NYUNDOENSIS

+ Anaclet MWUMVANEZA

Umwepiskopi wa Diyosezi ya Nyundo

Padiri mukuru Christophe MUDAHERANWA akora indahiro

Padiri mukuru Christophe ashyikiruzwa ibirango

Mu ijjambo rye, uhagarariye abakristu yagaragaje ko ari Umunsi utazibagirana kuba Gakeri ibaye paruwasi. Arashimira ababigizemo uruhare bose uhereye kuri Musenyeri Alexis HABIYAMBERE. Arashimira n'ubuyobozi bwa Leta n'andi madini babateye inkunga. Yabasezeranije kuzafatanya n'abasaseridoti n'abandi bose bafite umutima mwiza kuzimakaza umuco w'Impuhwe n'urukundo.

Mu ijambo rye, umuyobozi w'akarere ka Rutsiro aragaragaza ko Ari ibyishimo bikomeye kuko inzozi zabaye impamo nyuma y'igihe kirekire. Arishimira ubufatanye bwabayeho hagati y'ubuyobozi bwa Kiliziya n'inzego bwite za Leta akaba yijeje ubufatanye na Kiliziya kugira Ngo bakomeze kujya mbere.

Mu ijambo rye, umunyamabanga nshingwabikorwa w'intara wari uhagarariye umuyobozi w'intara y'Iburengerazuba yavuze ko ubwitabire bw'abaje mu munsi mukuru ari ikimenyetso cy'uko bahaye Imana icyubahiro. Arishimira igikorwa cy'uyu munsi mbese imvugo niyo ngiro. Yabwiye Padiri mukuru mushya kwishimira ko yanditse amateka, yamwijeje ubufatanye ariko anamubwira ko afite inshingano byinshi kubera ko ari agace gakunda kubamo urugomo.

Yagaragaje ko Ari iby'agaciro kuba paruwasi yaragijwe Umubyeyi w'Abakene ibyara paruwasi yaragijwe Yezu Nyirimpuhwe. Ku ruhande rw'abakristu bahawe inshingano n'Umwepiskopi abantu bacyuye inshingano zo kurangwa n'impuhwe bityo yiyamye ababyeyi boherezaga abana babo mu birombe bya koluta kubagirira impuhwe kuko kuri ibyo birombe harimo imvune byinshi ndetse bikabavutsa amahirwe yo kwiga. Yabujije abantu kujya bazindukira mu kabare aho kuzindukira mu kazi ibyo bikabashora mu ngeso z'urugomo. Yabujije abagabo bafite ingeso yo kwiyumva ko bakomeye igihe bazanye abagore benshi ibyo bigakurura amatiku n'amakimbirane mu muryango.

Yashishikarije abantu kwitabira ubwisungane mu kwivuza. Kandi abasaba kudasubira inyuma kubera ingabire bakiriye, yasabye abasaseridoti kujya bahwitura abayobozi barenganya abaturage. Yavuze ko shitani itishimira ko abantu batera imbere ahubwo irushaho gukaza umurego bityo yasabye abantu bari aho ko ubwiza bwaho bwakomeza kwitabwaho.

Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo mu ijambo rye, arashimira Nyagasani Imana dukesha byose akanatuma imishinga yacu tubasha kuyishyira mu bikorwa. Arashimira abapadiri bihatiye kugeza Ivanjili aho itari yagera mu mvune nyinshi. Bakomeje igikorwa cyo guteza Gakeri imbere kugeza ibu ibaye paruwasi. Arashimira abepiskopi bamubanjirije bagiye bakomeza kwita kuri iyi santarari cyane Musenyeri Alexis HABIYAMBERE wakiriye neza icyifuzo cy'abakristu ba Gakeri. Arashimira abayobozi b'inzego bwite za Leta bafatanije n'abakristu mu gutegura ishingwa

ry'iyi paruwasi. Yavuze ko abahaye abapadiri b'abasore bagiye guhanga paruwasi kandi arabashimira ko batinubiye ko bagiye guhanga. Umwepiskopi aragaragaza ko igihe cyari kigeze ngo Gakeri ibe paruwasi. Yabwiye abakristu b'iyo paruwasi ko uruhare rwabo rukenewe bafatanya n'abapadiri babo kugira Ngo paruwasi itere imbere. Arabasaba kujya inama n'abapadiri kugira Ngo paruwasi ijye mbere. Kuba paruwasi yavutse si inyungu za Kiliziya gusa ahubwo Ni n'inyungu z'akarere n'iz'igihugu bityo yasabye abapadiri bashinzwe iyi paruwasi gushyira hamwe n'inzego bwite za Leta.

Yunze mu ijambo ryavuzwe n'iry'Umunyamabanga Nshingwabokorwa w'Intara ko kuba Gakeri ibaye paruwasi hari ibikorwa bibi bitakagombye kuharangwa kuko binyuranije n'Ivanjili; urugomo, kohereza abana gukora mu birombe, ubunebwe.... Umwepiskopi yizeye ko kuba iyi paruwasi nshya yavutse, n'amajyambere azaziraho. Yasoje ijambo rye ashimira abaje kwitabira uyu munsi mukuru.

Padiri Emmanuel BAMPORINEZA